**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NGOMA**

Ngoma, kuwa 18/10/2018
Ref: 3080/07.05.06

- ✓ Bwana Perezida wa JADF mu Karere ka Ngoma
- ✓ Bwana/Madamu Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge(**Bose**)
- ✓ Bwana/Madamu Umuyobozi w'ishami mu Karere ka Ngoma(**Bose**)

**Impamvu**: Kohereza imyanzuro y'umwiherero

Bwana/Madamu,

Nshingiye ku ibaruwa **Nº 090/07.05.01** yo **kuwa 8/10/2018,** Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba yandikiye Umuyobozi w'inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma akangenera Kopi, asaba gushyira mu bikorwa imyanzuro y'umwiherero w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma wabaye tariki ya 20-23/09/2018;

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho imyanzuro y'uwo mwiherero bityo mutangire kuyishyira mu bikorwa

Mugire amahoro.

AKARERE KA NGOMA
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**NAMBAJE Aphrodise**
Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma

**Bimenyeshejwe**:

- Bwana Perezida w'inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma
- Bwana/Madamu Umuyobozi w'Akarere wungirije(Bose)
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Ngoma
- Bwana Umuyobozi ushinzwe imirimo rusange mu Karere ka Ngoma

## IMYANZURO Y'UMWIHERERO W'ABAYOBOZI MU KARERE KA NGOMA, WABEREYE KURI MUHAZI BEACH RESORT, KUWA 20-23 NZERI 2018.

Kuwa 20-23 Nzeri 2018, mu cyumba cy'inama cya MUHAZI BEACH RESORT` yo mu Karere ka Rwamagana, habereye umwiherero w'Akarere ka Ngoma ari bo: Abajyanama mu Nama Njyanama y'Akarere, Komite Nyobozi y'Akarere, abagize Biro y'Urugaga rw'abikorera( PSF) mu Karere, abagize Komite Nyobozi y'ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere(JADF)mu Karere, Abayobozi b'Amashami y'imirimo mu Karere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge ndetse n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali uhagarariye abandi.

Umwiherero wafunguwe na Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba **Bwana MUFULUKYE Fred** uyoborwa na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma **Bwana BANAMWANA Bernard**.

Umwiherero wari ugamije kurebera hamwe ingingo 2 z'ingenzi ari zo:

- Kuba umwanya wo gutekereza no gufata ingamba ku nzitizi zituma mu kweza imihigo, Akarere ka Ngoma kaza mu myanya itari myiza kandi karahoze mu myanya ya mbere;

- Ni muri gahunda y'Inama Njyanama y'Akarere ko mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'Ingengo y'Imari, ikora umwiherero wo kureba aho ibikorwa by'Akarere bigeze n'ibikwiye kongerwamo ingufu.

Abitabiriye umwiherero bagejejweho ibiganiro bikurikira:

1. **Gutegura imihigo, guhuza ibikorwa no gutanga raporo ku mihigo;**
2. **Ikiganiro ku mutekano;**
3. **Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego z'Ubuyobozi (Citizen Report Card 2017/2018);**
4. **Ikiganiro ku Isuzuma ry'imihigo 2017-2018;**

5. **Kugaragaza uruhare rw'Abayobozi b'amashami n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'imirenge mu kwesa imihigo;**
6. **Ikiganiro ku ruhare rwa JADF na PSF mu kwesa imihigo;**
7. **Ikiganiro ku kwisuzuma mu mihigo;**
8. **Ikiganiro ku guhuza ibikorwa by'iterambere ry'Akarere;**
9. **Ikiganiro kucyo Ngoma yakwigira ku Karere ka Rwamagana mu kwesa Imihigo;**
10. **Gukorera mu matsinda hanozwa gahunda yo gushyira mu bikorwa Imihihigo n'Iteganyabikorwa ry'Akarere ry'Umwaka wa 2018/2019(Implementation plan);**
11. **Kwemeza gahunda n'amabwiriza y'Akarere:**

    **-Gahunda ya "UMUJYANAMA MU BATURAGE"**

    **-Amabwiriza y "IRONDO RY'UMWUGA"**

    **-Gahunda ya" NKWITURE IKI RWANDA"**

Umwiherero w'AKarere ka Ngoma wafatiwemo imyanzuro ikurikira:

***I.Gutegura imihigo, guhuza ibikorwa no gutanga raporo ku mihigo;***

1. Hemejwe ko Imihigo y'Akarere izajya ikorerwa isuzuma buri kwezi rishingiye kuri gahunda y'ishyirwamubikorwa(Implementation plan); bigakorerwa mu nkingi( Clusters) ziyoborwa na Komite Nyobozi.
2. Hemejwe ko uruhare rw'Abayobozi n'abaturage mu kumenya no gusobanura Imihigo rugomba kujya rutangirira mu gusobanura uko umuhigo watekerejwe, uko wemejwe, uko washyizwe mu bikorwa n'uko igikorwa cyagezweho kitabwaho kandi bigakorwa mu buryo buhoraho hifashishijwe amahuriro(Forums) asanzweho nka Siporo ya bose(Sport de masse), inteko z'abaturage,…
3. Hemejwe ko ubuyobozi bw'Akarere bugomba kujya bukorana n'abafatanyabikorwa bako ndetse n'Itangazamakuru mu itegurwa, ishyirwa mu bikorwa n'isuzuma ry'Imihigo no kuyikurikirana.
4. Hemejwe ko Agatabo "*Umuhigo Monitoring Matrix*" k'Intara y'Iburasirazuba gafasha abayobozi mu itegurwa, ikurikirana, isuzuma n'itangwa rya raporo y'Imihigo, kaboneka mu nzego z'Ubuyobozi z'Akarere n'Imirenge kandi kakajya kifashishwa mu kazi ko gutegura, gukurikirana no gusuzuma imihigo

5. Hemejwe ko Ubuyobozi bw'Akarere butegura inama izahuza abakozi bose b'Akarere ka Ngoma, ikazaganira ku bijyanye n'itegurwa, ishyirwa mu bikorwa n'isuzuma ry'Imihigo, bigakorwa **bitarenze itariki ya 15 Ukwakira 2018.**
6. Hemejwe ko amanota azajya atangwa ku byagezweho n'umukozi mu mihigo yahize, agomba guhuzwa n'ayo abona mu isuzuma risanzwe rimukorerwa buri mwaka; kandi buri kwezi Komite Nyobozi izajya igaragariza Inama Njyanama amanota y' imihigo n'ay'abakozi bayishinzwe;
7. Hemejwe ko Imihigo yose y'Akarere ishyirwa mu bice bibiri by'ingenzi: "Output imihigo" na "Outcome imihigo", mu rwego rwo gufasha mu isuzuma ryayo;

***2. Ikiganiro ku mutekano;***

8. *Hemejwe ko hagomba g*ushyirwaho ingamba zo kumenya amakuru no kurwanya abantu bangiza ibikorwa na gahunda za Leta (Negative elements), nko gutema amatungo no kuyafata nabi, kwangiza imyaka n'ibindi, hakabaho uburyo bwo kubagarura mu murongo mwiza;
9. Gusesengura no kurangiza ibibazo bibangamiye imibereho y'abaturage(Human security issues), by'umwihariko kongera ubufatanye bw'inzego mu kurwanya ikibazo cy'abangavu baterwa inda;

***3. Ikiganiro ku Ishusho y'uko Abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivise mu nzego zibegereye;***

10. Hemejwe ko abayobozi bose bagomba kwegera abaturage mu buryo busanzwe bukoreshwa: Umuganda, Inteko z'Abaturage, Umujyanama mu baturage, Urunana mu mihigo n'ibindi mu rwego rwo kumva no gukemura ibibazo byaba bihari;

***4. Uruhare rw'Abafatanyabikorwa mu kwesa imihigo;***

11. Hemejwe ko hagomba gusinywa imihigo hagati y'Ubuyobozi bw'Akarere n'abafatanyabikorwa hagamijwe kwesa imihigo ihuriweho (joint imihigo);
12. Hemejwe ko raporo z'abafatanyabikorwa zigomba kujya zitangwa buri kwezi zikagezwa ku Nama Njyanama, zigasuzumwa muri komisiyo zayo;



INAMA NJYANAMA AKARERE KA NGOMA

IBS

5. ***Kugaragaza uruhare rw'Abayobozi b'amashami n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge mu kwesa imihigo;***

13. Hemejwe ko hakorwa Itsinda rihuriweho n'Uhagarariye Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, Ishami ry'Imibereho myiza y'abaturage n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage bagatanga umushinga w'ibitekerezo byazagezwa ku Nama Njyanama ku buryo bwo kwishyuza no kugaruza amafaranga y'inguzanyo yahawe abantu ngo biteze imbere(Financial services) ataragarurwa n'abayafashe kandi igihe cyararenze;

6. ***Ikiganiro ku kwisuzuma mu mihigo;***

14. Hemejwe ko Komisiyo z'Inama Njyanama y'Akarere zitegura iteganyabikorwa ry'umwaka kandi hakajyamo ko buri kwezi zizajya zisuzuma raporo z'abagize Komite Nyobozi y'Akarere mu nkingi eshatu(Clusters).
15. Hemejwe ko mu matsinda atanu asanzweho ariyo: Imihigo JOC, Action Plan JOC, Human Security JOC, Food Security JOC, Citizens complains JOC, hagomba kongerwamo Abajyanama b'Akarere bakajya bakurikirana ibikorwa.

7. **Ikiganiro ku guhuza ibikorwa by'iterambere ry'Akarere;**

16. Hemejwe ko hagomba kunoza uburyo bwo guhuza ibikorwa bityo Akarere ntikayoborwe gusa mu buryo bwa Politiki, ahubwo kakayoborwa neza no mu buryo bwa Tekiniki.
17. Hemejwe ko hagomba kwimakaza umuco wo gusoma,gusesengura no guhanahana amakuru hagamijwe guteza Akarere imbere binyuze ku mbuga nkoranyambaga.

18. Hemejwe ko ibikorwa byo mu rwego rw'iterambere ry'imibereho myiza bigomba kwitabwaho cyane kuko aribyo bifasha mu guhindura ubuzima bw'abaturage aho guhoza imbaraga mu bikorwaremezo gusa.

19. Hakimara kwemezwa ingengo y'Imari, Imihigo n'Iteganyabikorwa(Action plan), Ubuyobozi bw'Akarere bugomba guhita bwandikira buri mufatanyabikorwa w'Akarere bumshimira uruhare yagize mu Mihigo n'ibikorwa by'Akarere mu mwaka urangiye, kandi ko yemeye gushyira mu bikorwa ibyo yemeye mu Mihigo y'umwaka utangiye.

**8. Ikiganiro kucyo Ngoma yakwigira ku Karere ka Rwamagana mu kwesa Imihigo;**

20. Hemejwe ko Abayobozi b'amashami bakorera ku Karere ndetse n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bazajya batanga raporo kuri whatsap na e-mail buri munsi bagaragaza icyakozwe kuri buri Muhigo. Raporo yanditse ihabwa Komite Nyobozi buri wa gatanu w'icyumweru hagaragazwa aho ishyirwa mu bikorwa rya buri Muhigo rigeze bityo Komite Nyobozi nayo igatanga raporo ku Nama Njyanama y'Akarere buri wa mbere kuri e-mail.
21. Ubuyobozi bw'Akarere bugomba gushyiraho uburyo buhamye bwo gukurikirana no gusuzuma raporo z'imihigo y'Akarere zigashyikirizwa Inama Njyanama.

**9. Kwemeza gahunda zateguwe ndetse n'amabwiriza y'Akarere (byakozwe n'Inama Njyanama);**

22. Imaze kuyunguranaho ibitekerezo , Inama Njyanama yemeje gahunda ya **UMUJYANAMA MU BATURAGE** ariko hasabwa ko Inama y'Abaperezida izabanza kuyinoza neza mbere y'uko ishyirwa mu bikorwa.
23. Nyuma yo kunoza amabwiriza agenga irondo ry'umwuga mu Karere ka Ngoma, Inama Njyanama y'Akarere yemeje aya mabwiriza.

24. Inama Njyanama yemeje ishingiro ry'inyandiko(Concept note) ya gahunda ya NKWITURE IKI RWANDA ariko ishyiraho itsinda ryo kuyinononsora mbere yo gusinywa.

Umwiherero washojwe n'ikiganiro abagize Biro y'Inama Njyana y'Akarere ka Ngoma hamwe n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere bagiranye n'abanyamakuru(Press Conference) ku gicamunsi cyo kuwa 23/09/2018.

Bikorewe i Rwamagana kuwa 23/09/2018.

**Umwanditsi w'Umwiherero**

**MUKANKURANGA Beatrice**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama ka Ngoma

**Umuyobozi w'Umwiherero**

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere y'Akarere ka Ngoma